RTB | RWANDA TVET BOARD

P.O. Box: 4940 Kigali
Tel.: +250 783 558 414
E-mail: info@rtb.gov.rw
Website: www.rtb.gov.rw

**Kigali, 25/09/2023**

**N°.0781/RTB/2023**

**Bwana/Madamu** Umuyobozi w'Akarere (Bose)
**Bwana/Madamu** Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)

**Impanvu: Kohereza Urutonde rw'abarimu bo mu mashuri ya Tekiniki, Imyuga n'Ubumenyingiro; icyiciro cya II, 2023-2024 (Phase II)**

Nshingiye ku iteka rya Perezida N° 064/01 ryo kuwa 16/03/2020 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu bo mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye, ay'Imyuga n'ubumenyingiro mu ngingo yaryo ya 19;

Mbohereje ku mugereka urutonde rw'abarimu, mu mashuri ya Tekiniki, Imyuga n'Ubumenyingiro ku myanya yasabwe n'Akarere Mubereye Umuyobozi.

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushyira mu myanya abarimu, hubahirizwa ibiteganwa n'amategeko, turabasaba ibi bikurikira:

- Kugaragaza uru rutonde ahagenewe gushyirwa inyandiko n'amatangazo by'Akarere;
- Gushyira uru rutonde ku rubuga rw'Akarere (District website)
- Gufasha abarimu kuzuza ibyangombwa bisabwa mbere yo guhabwa amabaruwa abashyira mu kazi.
- Aba barimu basabwa kugeza ku Karere ibyangombwa **guhera tariki ya 26 Nzeri kugeza tariki 29 Nzeri 2023;**
- Gutanga amabaruwa abashyira mu kazi guhera tariki ya **1 Ukwakira 2023** kugirango bihutire kugera ku mashuri bazigishaho, batangirane n'umwaka w'amashuri wa 2023-2024.
- Kugeza kuri RTB raporo igaragaza urutonde rw'abarimu bashya bahawe amabaruwa n'abatarayahawe, hagaragazwa n'impanvu batayahawe, hifashishijwe imbonerahamwe iri ku mugereka, bitarenze ku itariki ya 6 Ukwakira 2023
- Gufasha abarimu bashya kwimenyereza umurimo.

Murakoze, mugire amahoro

**Dipl-Ing. Paul UMUKUNZI**
**Umuyobozi Mukuru, RTB**

**Bimenyeshejwe**:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Madame Minisitiri w'Abakozi ba leta n'Umurimo
- Madame Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Uburezi
- Nyakubahwa Umunyamabanga uhoraho /MINEDUC
- Madame Umunyamabanga Nshingwabikorwa/NPSC